
# NINDE WANKIZA ?

Isande imwe nari kuvuga ubutumwa bwiza mucyaro cy'umutware wo muri Lesotho. Hari n'abantu benshi, barundanye ngo bumve Ijambo ry'Imana. Ijambo rizima, rifite amani kandi rikarishe gusumba inkota y'ubugi bubiri, yinjira mu mitima y'abantu.

Nkiri kuvuga ubutumwa, umugore w'uwo mutware, ariwo mwami kazi, atangira kurira bikabije. Amarira yari gutembera kumatama ye, ahagarara, ararira ngo, "Ni nde wankiza? Nyabuna nyamba, Umutima wanje urababaye, ndababaye kandi ndihebye. Ni nde wanyamba? Ni nde uzankiza uku gukomwa n'icyaha? Nakora iki? Mwese muranzi, ndi umugore w'umwami kandi ndi umwe mu bagore basenga.

Maze imyaka irenga makumy'abiri ndi kuja gusenga murusengero, ariko ibi byose ntako byanyambye, ntabwo byanyamba, ndakomwe n'icyaha. Ndi umusinzi kandi n'umwicanyi. Intoke zanje ziranduye kandi zifite icyaha kubwo kwenga inzoga - icyo cyokunywa cyavumwe! Icyaha cyakomye intoke zanje n'ibigere, ndi umusibe w'ikuzimu!"



*Uwo wese ukora icyaha ni uwa Satani. 1 Yohana 3:8.*

Yararize ubwa kabiri cyane, aricara araboroga: “Ntabara! Ntabara! Ni nde wankiza? Ni nde wankiza izi njegeri z’icyaha? Nkunda Imana ariko icyaha kiri kuntegeka, kikanjana ikuzimu. Narishe infura yanje, nari nsinze muhetse, maze mu businzi bwanje ndahirima, menagura umutwe w’akana kanje, karapfa. Nyamba, nkiza uru rupfu ! Imigenzo y’iwacu ntabwo yanyambye. Idini ntabwo ryanyambye. Ni nde wanyamba? Ninde wankiza?

Musubiramo, ndamubyira: “We gutinya. We kwirarikira. Ingorane yawe ni iya buri wese. **Biblia ifite igisubizo cy’amarira akuri ku mutima. Kyerekana ki icyaha gitegeka ubuzima bwacu ariko hari umuntu washobora kudukiza.”**

“Nzi yuko nta kintu kiza kindimo, ni ukuvuga, mu ngeri yanje y’icyana. Nkuko nifuza gukora ibyiza ariko ntabwo nashobora. I cyo nkora ntabwo ari cyo cyiza cyo gukorwa; oya, ikibi cyo ntashaka ni cyo nkora. … Nsanga nkora ibi: Ninshaka gukora icyiza, ikibi nacyo kiba cyahageze. Mu nda yanje, nkunda iby’Imana; ariko hari umwanzi utuma mba imbata y’icyaha bikambuza gukora ibyiza n’abandi.” (Rom. 7:15-25). Mugihe gitoya, aya marira azaba aya buri mutima w’umuntu – **“Ko ndenganye ! Ni nde wankiza?”**

## IGISUBIZO


*“Umwana nazagukiza, uzakirira kimwe.” Yoh. 8:36.*

Yesu ni we gisubizo cy’ibibazo byacu byose: igisubizo cy’ikibazo cyawe. Ntabwo hariho gukizwa mu vindi zina keretse mu zina rya Yesu. Ibyak 4:12. Yesu wenyine yadukiza ibyaha. Amaraso ye yonyine yamenetse kumusaraba yatwozaho ibibi byose. Nta musaho, nta dagara, nta mupfumu, nta mugabo, nta muburizi cyangwa umupadiri, nta kanisa yagukiza icyaha. Keretse Yesu, intama y’ Imana ikiza ibyaha by’isi, ni we wagukiza akoresheje Amaraso ye n’amani g’umwuka we.

Yesu Umwana w’Imana yaraje muri iyi si “Gukingura amaso y’impumyi, kusibura abasibwe no kuzanira umucyo abari mu mwijima.” (Yes. 42:7). Yesu aravuga, “Uwo wese ukora icyaha ni imbata y’icyaha … ariko Umwana n’azagukiza, uzakirizwa kimwe.” (Yoh. 8:34-36). Yesu, ari we mazima, aragukiza.

Yesu umwana w’Imana yadukijije ibyaha byose mu kubambwa ku-

musaraba. Ibyaha byawe byose byabambwe kumusaraba. “Nukuri yikoreye imitegano n’Ububabare bwacu… ariko aracumitwa kubw’ibibi byacu, yicwa kubw’ibibi byacu, ibyo bihano kuri we, bituzanira amahoro muri we, kandi kubw’ibisebe bye, twe turakizwa.” (Yes. 53:3-7).




*Umwana (Yesu) n’agukiza, uzakirira kimwe. (Yohana 8:36).*

Baraba, wari umunyabyaha n’umwicanyi, yaciriwe urwo gupfa. Yari uwo kubambwa, ariko Yesu yabikoze mu cimbo cye, yikorera umusaraba wo Baraba yari uwo gupfiraho. Yesu, Umwana w’Imana, yabambwe mucimbo cya Barara, mu cimbo cyawe n’icyanje, umwicanyi yarakijijwe nkuko hari undi wari amupfiriye. Nje nawe turi uwo Baraba.

Igihembo cy’icaha ni urupfu, ariko impano y’Imana ni ubuzima buhoraho muri Yesu Kristu. Nurebana kwemera ku musaraba wa Yesu uzireba hamwe n’icyaha cyawe mubambwe kuri uwo musaraba. Yesu yagiye mu mwanya wawe kumusaraba kugira ngo uzahoreho. Yavuye amaraso kubwo kubabarirwa ibyaha byawe. Kubw’Imana yakunze wowe cyane, byatumye itanga Umwana wayo umwe, ngo wegupfa, ahubwo ubone ubugingo budashira.

Amaze kumva aya magambo, uwo mugore. W’umutware yikirije muri

Yesu, amuha umutima we. Yahaye umutima we w'ibyaha Imana, na yo imuha umutima musha kandi imwuzuzamo umwuka wera. Ntabwo yamubabariye ibyaha gusa, ahubwo yamukijije n'imbaraga z'icyaha. Kumara imyaka myinshi kuva icyo gihe, uwo mugore ahora afite ubuzima bwiza, bufite insinzi. Ntabwo anywa inzoga, ntabwo aresa itabi, afite ubuzima buboneye kandi ni umujurizi w'ukuri ngo, "Niba umuntu ari muri Kristu, ni ikiremwa gisha; uwa kera yagiye, Umusha yaje !" 2 Kor. 5:17.

Nawe, wa musomyi usoma aka gatabo, washobora gukizwa mu kwemera Yesu Kristu. Yesu yaravuze: "Ni munzeho mwe abarushe n'abaremerewe mbahe uburuhukiro." Jya kuri Yesu uko uri kwose, aho uri hose. Mubyire ibifashe ku byaha byawe n'ingorane zawe. Ntabwo arakubinga, n'umuzaho wicishije bugufi kandi ufite kwemera. Ubundi uri umwe mubaja murusengero, ariko ukomwe n'icyaha. Sanga Yesu. Aragukiza ako kanya. Mungeri yo yakijije umubembe, agakiza impumyi. Yesu nani umwe kandi yakiza uwihebye kandi agasibura umusibe. Ababarira ibyaha Byose kandi akiza indwara zose dufite. (Zab. 103:3).

Numara guha umutima wawe Yesu, bibyire abandi uwo wagukijije. Natwe, twakwifujije ngo twumve ibigufasheho.

*J.R. Gschwend.*

---


The popular "Heart Book" with its soul-saving message is obtainable in over 500 languages. Many have found salvation even just by looking at the pictures.

Kindly write to us if you are able to assist us with further translations of our free Gospel literature, informing us of the language into which you could translate this Gospel literature. Your assistance would be appreciated.

If you have found salvation in Christ, or have been otherwise blessed through our Gospel literature, please let us know. We would like to thank God with you, and remember you further in our prayers.

For **free** Gospel literature, books and tracts in over 540 languages, write to:



**E-MAIL: info@angp.co.za**

**ALL NATIONS GOSPEL PUBLISHERS**

**P.O. Box 2191, PRETORIA, 0001, R.S.A.**

(A Gospel Literature Mission financed by donations)

(Reg. No. 1961/001798/08)